REPUBULIKA Y'URWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO, UMUCO
IMIKINO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
B.P 1044
KIGALI

KIGALI, LE 15/4/1997
No 343/21-00

File
Info-Divisions
zose
17/4/97

Ku Muyobozi Mukuru
muri Minisiteri

**IMPAMVU: GUHAGARIK'IMISHAHARA Y'ABAKOZI BATAKIZA KU KAZI**

Bwana Muyobozi Mukuru,

Nifuje kwibutsa ko amategeko ageng'abakozi ba Leta ku ngingo ivugwa hejuru agomba kubahirizwa ku bakozi bose igihe cyose.

Ni muri urwo rwego abakozi bose ba Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco, Imikino no Kwigisha Imyuga Iciriritse bamaze ukwezi bataboneka ku kazi nta mpamvu batanze bagomba guhita bahagarika imishahara, amasezerano yabo agahita aseswa.

Ku buryo bw'umwihariko, abakozi bakoraga mu mushinga wo Kwigisha Imyuga ku buryo bwihuta (APTACS) bagomba gusobanura mu nyandiko icyo bakoreraga umushinga mur'iyi minsi, mbere yo gusubira mu kazi.

Imishahara yabo nayo igomba guhagarara mu gihe batarisobanura ngo bemererwe gusubizwa mu kazi.

Ubuyobozi bushinzwe abakozi mpaye iyi kopi busabwe gushyira mu bikorwa bikubiye mur'iyi baruwa kandi bugakangukira gukurikirana dossiers z'abakozi, bitaba ibyo bukamenya ko bushobora kwishyuzw'amafaranga ya Leta agenda ku bakozi batakiyikorera.

Imirimo myiza.

Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco
Imikino no Kwigisha Imyuga Iciriritse

Dr. Yakobo BIHOZAGARA

BIMENYESHEJWE:

- Umuyobozi w'Imirimo mu biro bya Minisitiri
- Umujyanama
- Umuyobozi wa Département (bose) DJ.
- (DAAF)